REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
B.P. 3445 KIGALI
Website: *www.minaloc.gov.rw*
Email: communications@minaloc.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Ku wa gatandatu tariki 24 Nzeri 2011, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu izatanga ibihembo mu gihugu hose ku bikorwa by'indashyikirwa byagezweho muri gahunda y'umuganda, umwaka wa 2010-2011. Abanyarwanda n'abaturarwanda bose bakaba basabwa kuzitabira uwo muhango ukomeye uzizihizwa hirya no hino mu gihugu cyacu.

Ku rwego rw'Igihugu, umuganda uzakorerwa mu Karere ka Ngororero, Umurenge wa Kavumu. Ahandi hose mu gihugu, igikorwa cy'umuganda n'imihango yo gutanga ibihembo izabera ku rwego rw'Akarere, mu murenge urimo igikorwa cya mbere kizahembwa, kugira ngo abaturage bagaragaze kandi bashimirwe uruhare rwabo mu kwiyubakira Igihugu.

Mu rwego rw'umuganda hari byinshi byagezweho, cyane cyane mu gutoza abaturage umuco wo gutekereza ibyo bakeneye kandi bakanabyikorera. Hakozwe ibikorwa by'iterambere birimo guhanga no guharura imihanda, gutera amashyamba ku misozi ihanamye, kurwanya isuri, kubaka amashuri, amavuriro, ibiro by'ubuyobozi, gucukura imiyoboro y'amazi, kurwanya nyakatsi n'ibindi bikorwa remezo bifiteye Igihugu akamaro.

Agaciro k'ibikorwa by'umuganda mu myaka ine ishize kageze kuri **26.397.939.119 RWF** , naho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2010/2011 akaba ari **7.347.720. 172 RWF;** ubwitabire bw'abaturage bukaba bugeze kuri **78 %.**